RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 07-14 Ukwakira



P1. Football: Abanyabigwi batandukanye baje mu Rwanda muri gahunda yo gutegura igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Abanyabigwi batandukanye baje mu Rwanda muri gahunda yo gutegura igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho

P2 **Cycling:** Hatangajwe igihe Tour du Rwanda 2023 izabera

P2 **Football:** Habaye imikino y'umunsi wa 5 wa shampiyona

P3 **Football:** Kiyovu yegukanye "Made in Rwanda Cup 2022"

P3 **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda ntiyakomeje mu cyiciro cya nyuma mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi

P4 **Athletics:** Nimubona na Musabyeyezu ni bo begukanye "Huye Half Marathon 2022"

## 1 Football : : Abanyabigwi batandukanye baje mu Rwanda muri gahunda yo gutegura igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho

Ku wa Gatatu, taliki 12 Ukwakira 2022 ni bwo bamwe mu bakanyujijeho muri ruhago baganiriye n'abaterankunga babo muri gahunda yo gutegura igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho « Veteran Club World Championship 2024 ».

Bamwe mu bakanyujijeho muri ruhago y'Isi bari mu Rwanda barimo rutahizamu wakiniye Amavubi, Gatete Jimmy, Patrick Mboma ukomoka muri Cameroun, Lilian Thuram (France), Roger Milla (Cameroun), Khalilou Fadiga (Senegal) n'abandi.

Iki gikorwa cyitabriwe na bamwe mu bayobozi batandukanye barimo Minisitiri wa siporo « MINISPORTS », Munyangaju Aurore Mimosa ari kumwe na Perezida wa FERWAFA, Nizeyimana Mugabo Olivier, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Rubingiza Pudence n'abandi batandukanye.

Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu kwegera abakanyujijeho ndetse inabashishikariza kwerekana imishinga bafatanyamo. Minisitiri wa Siporo « MINISPORTS », Munyangaju Aurore Mimosa yijeje umusanzu wa Guverinoma y'u Rwanda mu kubafasha no kubaha agaciro.

Iri tsinda ry'abakanyujijeho taliki 13 Ukwakira 2022 ryakiriwe na Perezida w'u Rwanda Paul Kagame baganira ku bikorwa barimo gutegura bigamije gushyigikira iterambere n'urukundo rw'umupira w'amaguru.

Taliki 14 Ukwakira 2022 abakanyujijeho bakurikiranye imyitozo y'abana bakina umupira w'amaguru bafite hagati y'imyaka 6 na 12. Iki gikorwa cyabere kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.

Igikorwa nyirizina ari yo mikino y'Igikombe cy'Isi cy'abahoze bakina umupira w'Amaguru kizabera mu Rwanda muri Gicurasi 2024. Kizakinwa n'amakipe 8 n'abakinnyi 150 baturutse mu bihugu 40.



## Cycling: Hatangajwe igihe Tour du Rwanda 2023 izabera

Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda « FERWACY » ryatangaje ko isiganwa mpuzamahanga ry'umukino wo gusiganwa ku magare « Tour du Rwanda 2023 » rizaba taliki 19 kugeza taliki 26 Gashyantare 2023.

Iri siganwa mpuzamahanga rigiye kuba ku nshuro ya 15 kuva ryatangira gukinwa muri 2009.

Isiganwa riheruka «Tour du Rwanda 2022 » ryegukanwe na Natnael Tesfatsion ukomoka muri Eritrea wakiniraga ikipe ya Drone Hopper Androni Giocattoli yo mu Butaliyani. Ku mwanya wa kabiri haje Anatoliy Volodimirovich Budyak ukomoka muri Ukraine wakiniraga ikipe ya Terengganu Polygon CT yo muri Malaysia naho ku mwanya wa 3 haje Jesse Ewart ukomoka muri Ireland akaba akinira ikipe ya Bike Aid mu Budage.

Umukinnyi w'Umunyarwanda, Mugisha Samuel ni we uheruka kwegukana « Tour du Rwanda » muri 2018 ubwo yari ikiri ku kigero cya 2.2.







## Football: Habaye imikino y'umunsi wa 5 wa shampiyona

Taliki 12 na 13 Ukwakira 2022 habaye imikino y'umunsi wa 5 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo. Umukino wa AS Kigali na Rayon Sports warasubitswe kuko ikipe ya AS Kigali ubu iri muri Libiya aho yagiye gukina umukino wo kwishyura mu mikino y'Afurika.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 12-10-2022**
- APR FC **2-0** Marines FC
- Espoir FC **0-0** Rutsiro FC
- Gorilla FC **0-2** Musanze FC

**Taliki 13-10-2022**
- Police FC **2-1** Bugesera FC
- Kiyovu **1-1** Etincelles FC
- Rwamagana City **1-0** Gasogi United
- Sunrise FC **1-2** Mukura

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 4 | 12 |
| 2 | Kiyovu | 5 | 10 |
| 3 | Gasogi United FC | 5 | 10 |
| 4 | Musanze FC | 4 | 9 |
| 5 | APR FC | 4 | 9 |
| 6 | Sunrise FC | 5 | 7 |
| 7 | Gorilla | 5 | 7 |
| 8 | AS Kigali | 2 | 6 |
| 9 | Mukura | 4 | 6 |
| 10 | Bugesera FC | 5 | 6 |
| 11 | Rutsiro FC | 5 | 5 |
| 12 | Etincelles FC | 5 | 5 |
| 13 | Espoir FC | 5 | 4 |
| 14 | Police FC | 4 | 3 |
| 15 | Rwamagana City FC | 5 | 3 |
| 16 | Marines FC | 5 | 1 |



## 3 Football: Kiyovu yegukanye "Made in Rwanda Cup 2022"

Taliki 07 kugeza taliki 09 Ukwakira 2022, ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge "RSB" hateguwe irushanwa "Made in Rwanda Cup 2022" ryari muri gahunda y'ubukangurambaga mu gukomeza guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda "Made in Rwanda".

Iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 4 ari yo Kiyovu, Rayon Sports, Mukura na Musanze FC.

Taliki 07 Ukwakira 2022 habaye imikino ya ½ maze Kiyovu itsinda Mukura igitego 1-0 naho Rayon Sports itsinda Musanze FC kuri penaliti 4-2 nyuma yo kunganya 0-0.

Taliki 09 Ukwakira 2022 ni bwo habaye imikino ya nyuma aho ikipe ya Kiyovu yegukanye igikombe itsinze Rayon Sports ibitego 2-1.

Mbere y'uyu mukino hari habaye uwo guhatanira umwanya wa 3 aho ikipe ya Mukura yitwaye neza igatsinda Musanze FC ibitego 4-0.

Ikipe ya Kiyovu yegukanye igikombe cya "Made in Rwanda Cup 2022" ihabwa miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda, ikipe ya Rayon Sports yabaye iya kabiri yahawe miliyoni 4, Mukura yegukanye umwanya wa 3 ihabwa miliyoni 3 na ho Musanze FC yasoreje ku mwanya wa 4 ihabwa miliyoni 2.






Ikipe ya Alexandria SC yegukanye igikombe

## Cricket: Ikipe y'u Rwanda ntiyakomeje mu cyiciro cya nyuma mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi

Kuva taliki 30 Nzeri kugeza taliki 08 Ukwakira 2022 i Abuja muri Nigeria habereye imikino y'Afurika mu bahungu batarengeje imyaka 19 mu mukino wa Cricket mu rwego rwo gushaka itike y'igikombe cy'Isi "Africa division 2 qualifier for U-19 World Cup 2024".

Iyi mikino y'Afurika yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi "ICC U-19 Men's Cricket World Cup Africa Division 2 Qualifer 2022" yagombaga kwitabirwa n'ibihugu 8 aho byari biri mu matsinda abiri, itsinda A ryari ririmo Kenya, Malawi, Ghana na Mozambique naho itsinda B ririmo Nigeria, Botswana, Sierra Leone n'u Rwanda.

Mu itsinda A, ikipe ya Ghana na Mozambique ntabwo zitabiriye kubera ikibazo cy'impapuro z'inzira, ikipe ya Kenya na Malawi zikomeza muri ½ .

Mu itsinda B, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Nigeria na Sierra Leone, ku mukino wa nyuma mu itsinda yitwara neza itsinda Botswana. Aya makipe yombi, ikipe y'u Rwanda na Botswana yahise aviramo mu majonjora naho ikipe ya Nigeria na Sierra Leone zikomeza muri ½ cy'irangiza.

Mu mikino ya ½ yabaye taliki 07 Ukwakira 2022, ikipe ya Kenya yatsinze Sierra Leone amanota 153 kuri 72 naho Nigeria itsinda ikipe ya Malawi amanota 258 kuri 33.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Kenya yatsinze Nigeria amanota 90 kuri 79. Umukino wo guhatanira umwanya wa 3 ntiwabaye kubera imvura. Gusa ikipe ya Sierra Leone ni yo yegukanye uyu mwanya.

Nyuma y'iri rushanwa, ikipe ya Kenya, Nigeria na Sierra Leone zabonye itike yo gukomeza mu cyiciro cya nyuma "Africa Division 1 Tournament" aho ziyongereye kuri Uganda, Namibia na Tanzania. Iyi mikino ya nyuma y'Afurika yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi izabera muri Namibia umwaka utaha wa 2023.



## Athletics: Nimubona na Musabyeyezu ni bo begukanye “Huye Half Marathon 2022”

Taliki 09 Ukwakira 2022, mu mujyi wa Huye habaye ku nshuro ya kabiri isiganwa “Huye Half Marathon 2022” ryegukanwa na Nimubona Yves mu bagabo na Musabyeyezu Adeline mu bagore bose bakaba bakinira ikipe ya APR AC.

Iri siganwa ritegurwa na Cercle Sportif de Butare « CSB » ku bufatanye bw’Akarere ka Huye n’ishyirahamwe ry’imikino ngororamubiri mu Rwanda “RAF”.
Ku nshuro ya kabiri, iri siganwa ryaherukaga muri 2020 ryitabiriwe n’abantu basaga ibihumbi 3 aho bahagurukiye ku Imberabyombi-Ecole Sociale-Petit Seminaire- Controle Technique- Ecole Primaire de Ngoma- Umuhanda wa kaburimbo ugera mu Rwabayanga- CHUB-Hotel Barthos- Casa Hotel-Imberabyombi- Sitade Huye.

Abakina nk’ababigize umwuga bazengurutse iyi ntera inshuro 2 basoza bakoze kilometero 21.97, abatarabigize umwuga basiganwe kilometero 10 na ho mu cyiciro cy’abakuze n’abana bato bakora intera ya kilometero 5.

Mu babigize umwuga mu bagabo, Nimubona Yves ukinira ikipe ya APR AC ndetse n’ikipe y’igihugu mu mikino ngororamubiri “Athletisme” ni we wegukanye iri siganwa aho yakoresheje 1h04’45”. Ku mwanya wa kabiri haje Mutabazi Emmanuel (Police AC) wakoresheje 1h06’15” naho ku mwanya wa 3 haza Rubayiza Siradji (Nyaruguru AC) wakoresheje 1h07’06”.

Mu bagore, Musabyeyezu Adeline ukinira ikipe ya APR AC yaje ku mwanya wa mbere akoresheje 1h17’39”. Ku mwanya wa kabiri haje Yankurije Marthe (Rwamagana AC) wegukanye iri siganwa ku nshuro ya mbere muri 2020 aho yakoresheje 1h19’59” naho Manizabayo Emelyne (Sina Gerard AC) aba uwa 3 aho yakoresheje 1h23’06”.
Muri buri cyiciro, umukinnyi wa mbere yahembwe ibihumbi 250 by’amafaranga y’u Rwanda, uwa kabiri yahawe ibihumbi 220, uwa gatatu ahabwa ibihumbi 180.

Ubwo iri siganwa ryaherukaga kuba muri Mutarama 2020 ryari ryegukanwe na Muhitira Felicien “Magare” mu bagabo na Yankurije Marthe mu bagore.

Mbere y’iri siganwa habaye imikino itandukanye yahuje amashuri. Muri Basketball mu bahungu, ikipe ya ES St Peter Igihozo i Nyanza yegukanye igikombe itsinze UR Huye amanota 45 kuri 41. Mu bakobwa, IPRC Huye yegukanye igikombe itsinze UR Huye amanota 40 kuri 29.

Mu mukino wa Volleyball mu bahungu, GSO Butare yegukanye igikombe itsinze Umucyo amaseti 2-0 naho mu bakobwa, IPRC Huye yegukana igikombe itsinze GSO Butare amaseti 2-0.
Mu Koga, uwa mbere mu bakobwa yabaye Keza naho mu bahungu aba Ineza Emile.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave